No 245 March 2023

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RIKOMEJE KUBAKA UBUSHOBOZI BW'ABAYOBOZI B'URUGAGA RUSHAMIKIYE KU MUTWE WA POLITIKI

Ku matariki ya 18 – 19 Weurwe 2023, mu cyumba cy'inama cya Hotel Bethany mu Karere ka Karongi, mu Ntara y'Iburengerazuba, habereye amahugurwa y'abayobozi b'urugaga rw'abagore



rushamikiye ku Mutwe wa Politiki. Aya mahugurwa yitabiriwe n'abagore 77, bo mu Mitwe ya Politiki 11 iri mu Ihuriro, baturuka mu Turere twose tugize Intara y'Iburengerazuba.

Aya mahugurwa yatangijwe n'Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose**. Mu ijambo rye, yashimiye abayitabiriye, asobanura ko agamije kubaka ubushobozi bw'abagore bari mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki kugira ngo bitabire kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu Mitwe ya Politiki babarizwamo. Yibukije ko kubaka ubushobozi bw'abayobozi n'abayoboke b'Imitwe ya Politiki ari imwe mu nshingano z'Ihuriro. Ihuriro rikaba rifatanya n'Umuryango UNDP mu gutegura aya mahugurwa. Umuvugizi w'Ihuriro yagaragaje bimwe mu bibazo bikibangamira abagore, harimo ikibazo cy'abagabo bamwe bafite imyumvire itari yo ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye; hari kandi n'abagabo bamwe bashaka kwiharira imitungo y'urugo yinjiza amafaranga, n'igihe umugore yaba afite akazi umugabo akamutegeka kuzajya azana amafaranga yose akorera akaba ari we ugena uko azakoreshwa, kandi igice kinini akagikoresha mu bitari iby'urugo (nko kuyanywera). Yagaragaje kandi n'ikibazo cy'abangavu baterwa inda, hakaba n'imiryango imwe n'imwe irangwa n'amakimbirane ya buri gihe.Yavuze ko ari ngombwa gukomeza gus banurira Abanyarwanda b'ingeri zose ibirebana n'ihame ry'uburinganire Igihugu cyacu kiyemeje kugenderaho kandi n'Imitwe ya Politiki yacu ikaba irishyigikiye. Yasoje avuga ko abagore bari mu nzego z'ubuyobozi zinyuranye zifatirwamo ibyemezo bagaragaje ko bashoboye ndetse bamwe muri bo bayoboye neza inzego nkuru z'igihugu ndetse n'Imiryango mpuzamahanga. Umubare wabo kandi ugenda wiyongera, bikaba bikwiye kubera abandi bagore urugero rwiza bikabaremamo icyizere, bagatinyuka kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo.



Muri aya mahugurwa, intumwa y'Umuryango UNDP, utera inkunga aya mahugurwa **Bwana, MACUMU Emmanuel**, yavuze ko UNDP ikorana n'Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'abagore bari mu Mitwe ya Politiki, bityo bikabafasha kwigirira icyizere no guharanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo. Yabashishikarije gukurikira neza ibiganiro bahabwa kandi ubumenyi bungutse bakazabusangiza abandi no kubushyira mu bikorwa.



Impuguke **Kimonyo Augustin**, yatanze ikiganiro k'uruhare rw'abagore mu bikorwa bya politiki. Mu kiganiro cye, yagarutse ku mateka y'ihame ry'uburinganire n'icyatumye iryo hame rijyaho. Yavuze ko nyuma y'intambara ya kabiri y'isi hari ubusumbane bukabije hagati y'abagabo n'abagore, akaba ariyo mpamvu mu 1945 hasinywe amasezerano avuga ko abantu bose bagomba kureshya imbere y'amategeko. Naho mu mwaka w' 1995, i Beijing mu Bushinwa hasinywe amasezerano yemeza ko ibihugu bigomba guteza imbere ihame ry'uburinganire. U Rwanda rukaba rwarashyize ihame ry'uburinganire mu Itegeko Nshinga ryaryo ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ahemejwe ko mu Nzego zifatirwa ibyemezo hagomba kubamo nibura 30% b'abagore. Yagaragaje zimwe mu nzitizi zibangamira umugore kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo, zirimo gukoreshwa imirimo itinjiza amafaranga, ihohoterwa rinshingiye gugitsina, ubumenyi bucye, ubukene, abagabo baca intege abagore bakababuza kujya mu nzengo zifata ibyemezo n'ibindi. Mu gusoza, yagarutse ku cyakorwa kugira ngo ibyo bihinduke, harimo gukomeza guhugura abantu benshi, cyane cyane abagabo kugira ngo barusheho gusobanukirwa ihame ry'uburiganire, kongerera ubumenyi igitsina gore, gufasha abagore kwikura mu bukene, n'ibindi.



**Me KAMASHAZI Donnah**, yatanze ikiganiro ku buriganire n'ubwuzuzanye(Gender Equality & Equity). Yasobanuye ko 'gender" ari nk'ikanzu y'imyifatire n'imigirire sosiyete yambika umwana uvutse hashingiwe ku gitsina cye (umukobwa cyangwa umuhungu). Ibyo bigashin irwaho hagenwa imirimo n'imico y'abahungu cyangwa iy'abakobwa, akaba ari nabyo bitera ubusumbanemuri sosiyete. Yakomeje avuga ko 'gender' ari ikintu gihinduka kuko ishingiye ku myumvire bitewe n'ibyo sosiyete ishaka muri icyo gihe. Yasobanuye ko 'gender equality' ari uburenganzira bw'umugabo n'umugore bugomba kungana mu mategeko no mu mirimo (Urugero nk'itegeko ryo kuzungura abagore batagiragaho uburenganzira). Naho 'gender equity" yavuze ko ari uburyo bwo kuziba icyuho cyatewe n'ubusumbane bwabayeho igihe kirekire, urugero nk'itegeko ryemerera nibura 30% by'abagore mu myanya y'inzego zifatirwamo ibyemezo. Yasoje ikiganiro cye ashishikariza abantu bose gushyira imbere ihame ry'uburinganire mu nzego bakoramo no guhugura abandi bayoboke mu Mitwe ya Politiki babarizwamo.



Muri aya mahugurwa kandi, **Depite Mukabikino Jeanne Henriette**, yatanze ubuhamya bw'urugendo rwe muri politiki. Yavuze ko inzozi ze zari ukuba umunyamabanga w'umuyobozi (secretaire) kuko abandi bagore yafatiragaho urugero ariwo murimo bakoraga mu kazi ka Leta. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, yashoboye kwiga neza, agira imyumvire iteye imbere, yumva agomba no kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo. Byatumye ajya kwiga 'Sciences administratives', ayirangije yakoze amahugurwa kuri 'peacebuilding' yari yateguwe n'Ihuriro bituma ajya kubyiga mu cyiciro cya gatatu cya kaminuza. Yavuze ko gukunda politiki byatangiriye muri kaminuza aho yafataga n'umwanya akajya gusura Inteko Ishinga Amategeko kureba uko Inteko iterana. Ibyo byamuteyeishyaka ryinshi akomeza kubikurikirana no kubyiga kugeza ahisemo umutwe wa politiki abarizwamo. Ageze muri uwo Mutwe wa Politiki yatangiye kujya yiyamamariza kujya mu myanya itandukanye, aza gutorerwa kuyobora Akarere ka Rubavu. Nyuma muri 2008 yaje kwiyamamariza kujya mu Nteko Ishinga Amategeko aratsindwa, yongera kwiyamamaza muri 2010 nabwo aratsindwa, yongera muri 2013 noneho aratsinda. Yababwiye ko gutsindwa bitigeze bimuca intege ahubwo byamwongereraga imbaraga bigatuma arushaho kwigirira icyizere. Yasoje ashishikariza abagore gukomera ku ntego bihaye ntibite ku bibaca intege kuko bizahoraho mu byo bakora byose. Yabashishikarije gufatirana amahirwe Leta ikomeza guha umugore bakayabyaza umusaruro. Yabibukije kutibagirwa inshingano zabo z'umuryango no muri sosiyete babarizwamo mu gihe bageze mu nzego zo hejuru zifatirwamo ibyemezo.



Aya mahugurwa yasojwe n'umuvugizi w'Ihuriro, **Hon. UWANYIRIGIRA Gloriose**. Mu ijambo rye, yashimiye abagore bo mu rugaga rushamikiye ku mitwe ya




politiki mu ntara y'Iburengerazuba ku bwitabire bagaragaje, ashimira n'umufatanya bikorwa UNDP wateye inkunga amahugurwa. Yavuze ko aya mahugurwa yababereye umwanya wo kongera kurebera hamwe inzitizi zigihari zibuza abagore kujya no kugira uruhare mu nzego zifatirwamo ibyemezo zaba izo mu buyobozi bw'Imitwe ya politiki ndetse n'iz'ubuyobozi bunyuranye bw'Igihugu. Yavuze ko ibiganiro bahawe bigaragaza ko umugore ashoboye bityo abashishikariza gukoresha amahirwe bahabwa n'ubuyobozi bwiza bw'Igihugu bakayabyaza umusaruro bagatera imbere. Yabasabye gusangiza ubumenyi bungutse bagenzi babo, abizeza ko Ihuriro rizakomeza gutegura amahugurwa yo kongerera ubumenyi n'ubushobozi abagore bo mu Mitwe ya Politiki, kugira ngo barusheho kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.

## INAMA RUSANGE YAGANIRIYE KURI "POLITIKI Y'U RWANDA Y'UBUBANYI N'AMAHANGA: IBYAGEZWEHO, IBIBAZO BIHARI N'INGAMBA ZO KUBIKEMURA"



Tariki ya 23 werurwe 2023, inama Isanzwe y'Inama Rusange y'lhuriro ry'igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose.**

Inama Rusange yagejejweho ikiganiro kuri "Politiki y'u Rwanda y'ububanyi n'amahanga, ibyagezweho, ibibazo bihari n'ingamba zo kubikemura"; cyatanzwe na Minisitiri w'Ububanyi



n'Amahanga n'Ubutwererane **Dr Vincent BIRUTA** cyagarutse ku ndangagaciro n'amahame bigenga iyi politiki. Minisitiri yerekanye ko mu bijyanye n'ububanyi n'amahanga u Rwanda rwubaha ubusugire n'ubwigenge bwa buri gihugu ariko na none rukomeye ku ihame ryo kurinda ubusugire bw'u Rwanda n'umutekano w'Abanyarwanda.

Mu gushyira mu bikorwa politiki y'u Rwanda y'ububanyi n'amahanga, Minisitiri yagaragaje ko U Rwanda rubanye neza n'ibihugu binyuranye harimo n'Imiryango mpuzamahanga, rukaba rufite za Ambasade zigera kuri 42 ziduhagarariye mu bihugu birenga 150.

Minisitiri yagaragaje bimwe mu bibazo u Rwanda ruhangana nabyo birimo ikibazo cy'ubushotoranyi bw'Igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'ubushake buke bw'abayobozi bacyo bwo gukemura ibibazo by'umutekano bikirangwamo. Hari kandi n'ikibazo cyo gukwirakwiza ingengabiterezo ya Jenoside hakoreshejwe cyane cyane itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga. Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Imitwe ya Politiki yashimye iyi politiki yiyemeza kugira uruhare mu kurwanya Ibikorwa bigamije guharabika isura y'u Rwanda mu ruhando rw'amahanga no kurushaho kugaragaza ibikorwa n'u Rwanda mu rwego rwo guteza imbere ububanyi n'amahanga n'ubutwererane.

Inama Rusange yashyizeho abayobozi b'Ihuriro ku mwanya w'Umuvugizi, hatowe **Depite MUKAMANA Elisabeth**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PPC, naho ku mwanya w'Umuvugizi




wungirije w'lhuriro hatorwa **Depite NTEZIMANA Jean Claude**, uturuka mu Mutwe wa Politiki DGPR.




## ABAYOBOZI MU MITWE YA POLITIKI BAGANIRIYE K'URUHARE RW'IMITWE YA POLITIKI MU GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBUDAHERANWA BY'ABANYARWANDA

Tariki ya 24 Werurwe 2024, muri Hotel LEMIGO ku Kimihurura, habaye inama nyunguranabitekerezo ku **"Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda".** Iyi nama yari igamije kuganira ku byagezweho mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, kugaragaza imbogamizi zigihari, ingamba zo kuzikemura, n'uruhare rw'Imitwe ya Politiki muri urwo rugendo. Inama yitabiriwe n'abahagarariye Imitwe ya Politiki, Imboni z'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Mitwe ya Politiki, urubyiruko rwize mu Ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy) n'abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro.

Inama yatangijwe na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), **Dr BIZIMANA Jean Damascene.** Yagarutse ku mateka y'uko amashyaka yashinzwe mu 1959 ku cyemezo cy'ababiligi ariko akagira



uruhare mu gutanya abanyarwanda aho kubahuza. Muri ayo mashyaka, ku isonga hari MDR PARMEHUTU, APROSOMA, MRND n'andi. Abanyapolitiki benshi bihishe muri ayo mashyaka bigisha amacakubiri. Yavuze kandi ko kuva mu 1959-1994 hari abanyapolitiki babibye imbuto mbi aho uwo mudahuje ishyaka yari umwanzi. Yagaragaje ko muri iki gihe kujya mu Mutwe wa politiki atari ukujya gushaka imyanya, ahubwo ko ari ukujya mu rubuga rutangirwamo ibitekerezo byubaka igihugu. Yavuze ko Abacyumva ko politiki ishingiye ku gice kimwe cy'abanyarwanda bibeshya. Yasoje asaba imitwe ya politiki kugira icyerekezo kinoze, gifasha abanyarwanda n'ababyiruka kurushaho gusobanukirwa uruhare rwayo mu cyerekezo cy'igihugu, kubaka u Rwanda no kwimakaza ubumwe n'udaheranwa bw'abanyarwanda.




Mu kiganiro cyatanzwe na Madamu **Kayirangwa Anita**, Umuyobozi muri MINUBUMWE, yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda yashenye igihugu mu buryo bukomeye, haba mu rwego rw' imibereho n'imibanire by'Abanyarwanda, ubukungu, ubutabera, ibikorwa-remezo, n'ibindi. Yagaragaje ko mu rwego rwa politiki, Abanyarwanda bari baratakarije icyizere Imitwe ya Politiki n'inzego za Leta kubera uruhare byagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Yavuze ko kubera Imiyoborere myiza, Abanyarwanda bahisemo kuba umwe, ayo mahitamo, akaba ari yo atuma igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge kigenda kizamuka , aho ubushakashatsi bwo mu 2020 bwerekanye ko icyo gipimo kigeze kuri 94.7%. Kubigeraho bikaba byarasabye imbaraga nyinshi n'ibikorwa binyuranye, birimo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, gufasha abatishoboye n'abacitse ku icumu rya Jenoside, gushyira imbaraga muri Gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Itorero, kudaheza, girinka, umutekano, n'ibindi. Yagaragaje kandi bimwe mu bibazo bikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, birimo: ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara muri bamwe mu banyarwanda n'abanyamahanga, haba mu Rwanda, mu karere u Rwanda ruherereyemo no mu mahanga. Aha hatanzwe urugero rw'Abatutsi b'abanyekongo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda, batotezwa, abandi bakicwa, kandi Igihugu cyabo (DRC) ntikibyiteho ngo gihagarike ibyo bikorwa bibi bikorerwa bamwe mu baturage bacyo. Yagaragaje kandi n'ikibazo cy'ingengabitekerezo ya jenoside ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga (social media), aho muri iki gihe imiyoboro ya Youtube yifashishwa cyane mu gukwirakwiza iyo ngengabitekerezo y'urwango no kubiba amacakubiri.

Muri iyi nama kandi haganiriwe kuri zimwe mu ngamba zo gukomeza guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, zirimo cyane gukomeza guhangana no kurwanya abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside, abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, baba bari mu Rwanda, mu Karere no mu mahanga, hagakoreshwa uburyo bwose bushoboka, burimo n'imbuga nkoranyambaga (social media – umuyoboro wa Youtube,..).

Muri iyi nama hatanzwe ibyifuzo - nama bikurikira:

1. Imitwe ya Politiki ikwiye kuba ku isonga mu kugaragaza no kumenyekanisha ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
2. Imitwe ya Politiki yiyemeje kurwanya abakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside, abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi urubyiruko rukagira uruhare rugaragara mu kurwanya ibyo bikorwa rukoresheje cyane cyane ikoranabuhanga nk'imbuga nkoranyambaga, n'ibindi;
3. Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bo mu Rwanda, ntibakwiye kurebera, muri iki gihe muri DRC hari ibikorwa byo kwibasira Abatutsi b'Abanyekongo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda, bakwiye kubyamagana ku buryo bweruye;
4. Gutegura ibiganiro no kugira ibihe byihariye bihuza abakuru n'urubyiruko kugira ngo baganire ku isano ihuza Abanyarwanda. Ibiganiro bya NDI UMUNYARWANDA bigashyirwamo imbaraga.
5. Gukomeza gushishikariza urubyiruko kwitabira umurimo bakarwanya ubukene kuko ubushomeri no kutagira icyo bakora kibazanira amafaranga ari bimwe mu bibazo bibangamira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda;
6. MINUBUMWE yasabwe gutegura inyandiko y'Imfashanyigisho ku bumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda izashyikirizwa Imitwe ya Politiki, kugira ngo ijye yifashishwa mu kuganira n'abandi bayoboke n'Abanyarwanda muri rusange, kugira ngo bifashe mu gutanga ubutumwa bumwe, bwateguwe n'urwego rubifitiye ubumenyi n'ububasha;

Abayobozi b'Imitwe ya Politiki n'urubyiruko bashishikarijwe gukomeza kwitabira no kugira uruhare mu bikorwa bitegurwa n'Inzego z'Ubuyobozi aho batuye mu Masibo, mu Midugudu, mu Tugari,…) kugira ngo bakomeze gutanga urugero rwiza ku bandi baturage.